**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**
**ICYEMEZO N° 0015 /2020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 24 w'ukwezi kw'UKUBOZA ;

Twebwe **RUGANZU Obed,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko **UWAMBAJEMARIYA Odette** mwene MUTARUTINYA Aloys na UZAMAUKUNDA Esperence, wavutse kuwa 1990, avukira mu mudugudu wa Kadasha, akagali ka Kanazi, umurenge wa Ruharambuga, akarere ka Nyamasheke , Intara y'iburengerazuba, **aregwa icyaha cyo guta urugo giteganywa n'ingingo ya 139 y'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riiteganya ibyaha n'ibihano muri rusange** ; ikirego kigahabwa N° **RP 00164/2020/TGI/RSZ.**

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **UWAMBAJEMARIYA Odette** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **16/02/2021** saa mbiri za mu gitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi. .

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**RUGANZU Obed**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
**UMWANDITSI**